REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI

```
**************
*            *
*    1985    * : UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI HOSE.
*            *
**************
```

## AMATEGEKO AGENGA IRUSHANWA LY'UBWANDITSI :

- Ingingo ya mbere : Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative igiye gukoresha irushanwa ly'Ubwanditsi, mu rwego rwo gutegura no kwizihiza Umwaka w'Urubyiruko kw'isi hose "1985".

- Ingingo ya kabili : Ilyo rushanwa ligamije :
  - Guteza umuco nyarwanda imbere.
  - Kongera umutungo w'ibyanditswe mu Kinyarwanda kandi byerekeye urubyiruko.
  - Kwerekana uruhare rw'urubyiruko mu mahoro no mu majyambere y'Igihugu cyacu n'isi yose.
  - Gutoza urubyiruko kwita k'ubwanditsi cyane cyane ubw'urulimi kavukire.
  - Kubwiliza urubyiruko kwita ku majyambere y'igihugu cyacu.

- Ingingo ya gatatu : Abazakora ili rushanwa bagomba kuzuza ibi bikulikira :
  - Kwandika mu Kinyarwanda inyandiko bwite kandi italigeze itangazwa mbere y'ili rushanwa.
  - Gutanga inyandiko ivuga urubyiruko kandi inasesengura nibura imwe mu ngorane urubyiruko ruhura nazo n'umuti w'izo ngorane.
  - Kwemera ko inyandiko zahimbiwe ilyo rushanwa zatangazwa aliko bitanyuranye n'amategeko agenga uburenganzira bw'umwanditsi.
  - Kutarenza impapuro mirongo itatu (30) zanditse kuruhande rumwe zibaye zandikishije imashini, kandi zifite ingero zikulikira :
    uburebure Cm 28, ubugali Cm 21.
  - Ntawugomba kandi kujya munsi y'impapuro cumi n'eshanu (15) zifite izo ngero.

.../...

- Ingingo ya Kane : Uzakora ili rushanwa wese afite uburenganzira bwo kwihitiramo ubwoko bw'inyandiko (cyaba igisigo, cyangwa se inyandiko isanzwe) Afite kandi uburenganzira bwo kwandika inyandiko irenze imwe.

- Ingingo ya gatanu : Inyandiko zose zigomba kuba zarageze muli Ministeri bitarenze taliki 30 Werurwe 1985.

- Ingingo ya gatandatu : Hazahembwa inyandiko eshatu za mbere muli buli bwoko bw'inyandiko zizaba zirengeje amanota 60 %.
Nta nyandiko zizasubizwa ba nyirazo nyuma y'irushanwa. Ahubwo inzira zizandikwa mu dutabo tuzagezwa kuli rubanda nyamwinshi.

- Ingingo ya kalindwi : Inteko ebyili zikulikira zishyirwaho na Ministri:
1° - Inteko irobanura
2° - Inteko itanga manota.

- Ingingo ya munani : Izo nteko zizakora ku bulyo bukulikira :
1°) Inteko irobanura niyo izatoranya inyandiko zujuje ibyangombwa biteganywa n'ingingo ya gatatu, hamwe n'ibiteganywa n'ingingo ya gatanu. Inyandiko zizatoranywa kuli ubu bulyo nizo zizashyikilizwa inteko itanga amanota.
2°) Inteko itanga amanota ifite ububasha buhagije butuma itanga amanota ku barushanwa.
Mbere y'itangwa ry'amanota, inteko igeza kuli Ministri amategeko agenga imikorere yayo.
Ayo mategeko kandi niyo agenga ubulyo n'inzira bikulikizwa mugutanga amanota kubarushanwa.

- Ingingo ya cyenda : Ibyemezo by'inteko itanga amanota ntibisubirwaho nyamara aliko iyo abarenze bibili bya gatatu (2/3) by'abagize iyo nteko basanze amategeko atubahilijwe, bashobora kubimenyesha Ministri akagira icyo abivugaho mbere y'itangwa ly'ibihembo.

- Ingingo ya cumi : Inteko itanga amanota igizwe n'abantu 15.
Uwo mubare ushobora kwongerwa bitewe n'ubwinshi bw'inyandiko zizoherezwa.

.../...

- Ingingo ya cumi n'imwe : Igihe bigaragaye ko hali abagize inteko itanga amanota bohereje inyandiko zabo mw'irushanwa, Ministri afata icyemezo cyo kubasimbuza abandi muli iyo nteko.
- Ingingo ya cumi n'ebyili: Nta bujulire abarushanwa bashobora kugira bwerekeye imitunganyilize y'irushanwa cyangwa ibyemezo bifatwa igihe cy'umwanzuro.

Bikorewe i Kigali kuwa 29/11/1984
Ministri w'Urubyiruko no Gutsura
za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.